4° akatiwe igihano cy'igifungo kingana cyangwa kirengeje amezi atandatu (6) mu rubanza rwabaye ndakuka;	4° he or she is sentenced to a term of imprisonment equal to or exceeding six (6) months in a judgment rendered at the last instance;	4° il est condamné à une peine d'emprisonnement égale ou supérieure à six (6) mois dans un jugement rendu en dernier ressort;
5° asibye inama inshuro eshatu (3) zikurikirana nta mpamvu ifite ishingiro;	5° he or she is absent in meetings for three (3) consecutive times without a valid reason;	5° il s'absente des réunions trois (3) fois consécutives sans motif valable;
6° agaragaje imyitwarire iyo ari yo yose yamutesha agaciro cyangwa yatesha agaciro umurimo akora cyangwa urwego arimo;	6° he or she manifests any behaviour likely to compromise his or her dignity, that of his or her work or his or her position;	6° il manifeste tout comportement susceptible de compromettre sa dignité, celle de sa fonction ou de son rang;
7° abangamira inyungu za RFA;	7° he or she jeopardizes the interests of RFA;	7° il compromet les intérêts de RFA;
8° atacyujuje impamvu zashingiweho ashyirwa muri uwo mwanya;	8° he or she no longer fulfils the requirements considered at the time of his or her appointment;	8° il ne remplit plus les conditions sur la base desquelles il avait été nommé;
9° apfuye.	9° he or she dies.	9° il décède.
Iyo umwe mu bagize Inama y'Ubuyobozi ya RFA avuye mu mwanya mbere y'uko manda ye irangira, urwego rubifitiye ububasha rushyiraho umusimbura, akarangiza manda y'uwo asimbuye.	In case a member of the Board of Directors of RFA ceases to be a member before the expiration of his or her term of office, the competent authority appoints his or her substitute to complete his or her predecessor's term of office.	Lorsqu'un membre du Conseil d'Administration de RFA cesse d'être membre avant l'expiration de son mandat, l'autorité compétente nomme son remplaçant pour terminer le mandat de son prédécesseur.

<u>Ingingo ya 15: Kumenyekanisha ugize Inama y'Ubuyobozi ugiye kurangiza manda</u> Iyo hari ugize Inama y'Ubuyobozi ya RFA ugiye kurangiza manda, Umuyobozi Mukuru wa RFA abimenyesha mu nyandiko Minisiteri ifite amashyamba mu nshingano, hasigaye nibura iminsi mirongo icyenda (90) ngo manda irangire. <u>Ingingo ya 16: Itumizwa n'iterana by'inama y'Inama y'Ubuyobozi n'ifatwa ry'ibyemezo</u> Inama y'Inama y'Ubuyobozi ya RFA iterana rimwe mu gihembwe n'igihe cyose bibaye ngombwa itumijwe na Perezida wayo cyangwa Visi Perezida igihe Perezida adahari, babyibwirije cyangwa bisabwe mu nyandiko nibura na kimwe cya gatatu (1/3) cy'abayigize. Ubutumire na gahunda y'inama bikorwa mu nyandiko ishyikirizwa abagize Inama y'Ubuyobozi hasigaye nibura iminsi cumi n'itanu (15) ngo inama iterane. Buri gihembwe, Inama y'Ubuyobozi ya RFA isuzuma kandi raporo y'imari n'iy'ibikorwa zerekeranye n'igihembwe	<u>Article 15: Notification of a member of the Board of Directors whose term of office is about to expire</u> In case there is a member of the Board of Directors of RFA whose term of office is about to expire, the Director General of RFA notifies thereof in writing the Ministry in charge of forests, at least ninety (90) days before the expiry of the term of office. <u>Article 16: Convening and holding of meeting of the Board of Directors and modalities for decision-making</u> The meeting of the Board of Directors of RFA is held once a quarter and whenever necessary upon invitation by its Chairperson or Vice-Chairperson in case of absence of its Chairperson, at their own initiative or upon request in writing by at least one third (1/3) of its members. The invitation and the agenda of the meeting are submitted in writing to the members of the Board of Directors at least fifteen (15) days before the meeting is held. In every quarter, the Board of Directors of RFA examines also the financial and activity reports relating to the previous	<u>Article 15: Notification d'un membre du Conseil d'Administration dont le mandat est sur le point d'expirer</u> Lorsqu'il y a un membre du Conseil d'Administration de RFA dont le mandat est sur le point d'expirer, le Directeur Général de RFA le notifie par écrit au Ministère ayant les forêts dans ses attributions, au moins quatre-vingt-dix (90) jours avant la fin du mandat. <u>Article 16: Convocation et tenue de la réunion du Conseil d'Administration et modalités de prise de décisions</u> La réunion du Conseil d'Administration de RFA se tient une fois par trimestre et chaque fois que de besoin, sur convocation de son Président ou de son Vice-Président en cas d'absence du Président, de leur propre initiative ou à la demande écrite par un tiers (1/3) au moins de ses membres. L'invitation et l'ordre du jour sont adressés par écrit aux membres du Conseil d'Administration au moins quinze (15) jours avant la tenue de la réunion. Chaque trimestre, le Conseil d'Administration de RFA examine également le rapport financier et celui d'activités relatifs au trimestre précédent et
---	--	--

kirangiye kandi ikazishyikiriza Minisiteri ifite amashyamba mu nshingano. Icyakora, inama idasanzwe itumizwa mu nyandiko hasigaye nibura iminsi itatu (3) kugira ngo iterane. Mu byigwa n'Inama y'Ubuyobozi mu gihembwe cya mbere cy'umwaka, harimo kwemeza raporo y'imari n'iy'ibikorwa by'umwaka urangiye. Umubare wa ngombwa kugira ngo inama y'Inama y'Ubuyobozi iterane ni bibiri bya gatatu (2/3). Umuyobozi Mukuru wa RFA yitabira inama z'Inama y'Ubuyobozi. Uburyo Inama y'Ubuyobozi ifatamo ibyemezo buteganywa n'amategeko ngengamikorere ya RFA. <u>Ingingo ya 17:</u> Itumira ry'undi muntu mu nama y'Inama y'Ubuyobozi ushobora kuyungura inama Inama y'Ubuyobozi ya RFA ishobora gutumira mu nama yayo undi muntu ibona ko ashobora kuyungura inama ku ngingo runaka ifite ku murongo w'ibygwa.	quarter and submit them to the Ministry in charge of forests. However, an extraordinary meeting is convened in writing at least three (3) days before the meeting is held. Items to be considered by the Board of Directors in the first quarter of the year include the approval of the financial and activity reports of the previous year. The quorum for the meeting of the Board of Directors is two thirds (2/3) of its members. The Director General of RFA attends meetings of the Board of Directors. Modalities for decision-making by the Board of Directors are determined by internal rules and regulations of RFA. <u>Article 17:</u> Invitation of a resource person to the meeting of the Board of Directors The Board of Directors of RFA may invite in its meeting a resource person from whom it may seek advice on a certain item on the agenda.	les soumet au Ministère ayant les forêts dans ses attributions Toutefois, une réunion extraordinaire est convoquée par écrit au moins trois (3) jours avant la tenue de la réunion. Sur les points à examiner par le Conseil d'Administration au cours du premier trimestre, figure l'approbation du rapport financier et du rapport d'activités de l'année précédente. Le quorum de la réunion du Conseil d'Administration est de deux tiers (2/3) de ses membres. Le Directeur Général de RFA participe aux réunions du Conseil d'Administration. Les modalités de prise de décisions par le Conseil d'Administration sont déterminées par le règlement d'ordre intérieur de RFA. <u>Article 17:</u> Invitation d'une personne ressource à la réunion du Conseil d'Administration Le Conseil d'Administration de RFA peut inviter à sa réunion une personne ressource dont il peut obtenir des conseils sur un point quelconque à l'ordre du jour.
---	---	---

Uwatumiwe ntiyemerewe gutora no gukurikirana iyigwa ry'izindi ngingo ziri ku murongo w'ibygwa. <u>Ingingo ya 18:</u> Iyemezwa ry'ibyemezo n'iry'inyandikomvugo by'inama y'Inama y'Ubuyobozi Ibyemezo by'inama y'Inama y'Ubuyobozi ya RFA bishyirwaho umukono n'abayigize inama ikirangira, kopi yabyo ikoherezwa Minisiteri ifite amashyamba mu nshingano mu gihe kitarenze iminsi itanu (5). Inyandikomvugo y'inama y'Inama y'Ubuyobozi ya RFA ishyirwaho umukono na Perezida n'umwanditsi wayo, ikemezwa mu nama ikurikira. Kopi y'inyandikomvugo yoherezwa Minisiteri ifite amashyamba mu nshingano mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) guhera umunsi yemerejweho. <u>Ingingo ya 19:</u> Umwanditsi w'inama y'Inama y'Ubuyobozi Umuyobozi Mukuru wa RFA ni we mwanditsi w'inama y'Inama y'Ubuyobozi ariko igihe cyo gufata ibyemezo we ntatora.	The resource person is neither allowed to vote nor to follow debates on other items on the agenda. <u>Article 18:</u> Approval of resolutions and minutes of the meeting of the Board of Directors Resolutions of the meeting of the Board of Directors of RFA are signed by its members immediately after the end of the meeting, and a copy thereof is sent to the Ministry in charge of forests within five (5) days. The minutes of the meeting of the Board of Directors of RFA are signed by the Chairperson and its rapporteur and approved during the next meeting. A copy of minutes of the meeting is sent to the Ministry in charge of forests within fifteen (15) days from the date of approval. <u>Article 19:</u> Rapporteur of the meeting of the Board of Directors The Director General of RFA serves as the rapporteur of the meeting of the Board of Directors but he or she has no right to vote in decision making.	La personne ressource n'est autorisée ni à voter ni à suivre les débats sur d'autres points à l'ordre du jour. <u>Article 18:</u> Approbation des résolutions et du procès-verbal de la réunion du Conseil d'Administration Les résolutions du Conseil d'Administration de RFA sont signées par ses membres immédiatement après la séance de la réunion et leur copie est transmise au Ministère ayant les forêts dans ses attributions endéans cinq (5) jours. Le procès-verbal de la réunion du Conseil d'Administration de RFA est signé par le Président et son rapporteur et approuvé à la séance suivante. Une copie du procès-verbal est transmise au Ministère ayant les forêts dans ses attributions endéans quinze (15) jours à partir de la date de son approbation. <u>Article 19:</u> Rapporteur de la réunion du Conseil d'Administration Le Directeur Général de RFA est le rapporteur de la réunion du Conseil d'Administration mais il n'a pas le droit de voter lors de la prise des décisions.
---	---	---

Umuyobozi Mukuru wa RFA ntiyitabira inama zifata ibyemezo ku bibazo bimureba. Icyo gihe abitabiriye inama y'Inama y'Ubuyobozi bitoramo umwanditsi.	The Director General of RFA does not participate in the meetings that make decisions on issues that concern him or her. In that case, members of the Board of Directors present at the meeting elect among themselves a rapporteur.	Le Directeur Général de RFA ne participe pas aux réunions qui prennent des décisions qui le concernent. Dans ce cas, les membres du Conseil d'Administration présents à la réunion élisent parmi eux un rapporteur.
<u>Ingingo ya 20:</u> Inyungu bwite mu bibazo bisuzumwa Iyo uri mu bagize Inama y'Ubuyobozi ya RFA afite inyungu bwite itaziguye cyangwa iziguye mu bibazo bisuzumwa, amenyesha bidatinze Inama y'Ubuyobozi, aho iyo nyungu ishingiyeye. Ugize Inama y'Ubuyobozi wamenyesheje inyungu afite ku kibazo cyigwa, ntiyitabira inama yiga kuri icyo kibazo. Iyo bigaragaye ko benshi cyangwa bose mu bagize Inama y'Ubuyobozi bafite inyungu itaziguye cyangwa iziguye mu bibazo bisuzumwa ku buryo bidashoboka kubifataho ibyemezo, ibyo bibazo bishyikirizwa Minisiteri ifite amashyamba mu nshingano ikabifataho icyemezo mu gihe cy'iminsi mirongo itatu (30).	<u>Article 20:</u> Personal interest in issues on the agenda A member of the Board of Directors of RFA who has a direct or indirect interest in the issue to be considered immediately informs the Board of Directors about where that interest lies. A member of the Board of Directors who discloses his or her interest in the issue to be considered does not attend the meeting deliberating on that issue. If it is evident that many or all members of the Board of Directors have a direct or indirect interest in the issues to be considered in such a way that it is impossible to take a decision on the issues, the issues are submitted to the Ministry in charge of forests to decide thereon within thirty (30) days.	<u>Article 20:</u> Intérêt personnel dans les points à l'ordre du jour Un membre du Conseil d'Administration de RFA qui a un intérêt direct ou indirect dans un point à examiner informe immédiatement le Conseil d'Administration où cet intérêt repose. Un membre du Conseil d'Administration qui révèle son intérêt dans un point à examiner ne participe pas à la réunion qui examine ce sujet. Lorsqu'il apparaît que beaucoup ou tous les membres du Conseil d'Administration ont un intérêt direct ou indirect dans des points à examiner de sorte que la prise de décision sur ces points devienne impossible, ces points sont soumis au Ministère ayant les forêts dans ses attributions pour décision endéans trente (30) jours.

Icyiciro cya 2: Urwego Nshingwabikorwa	Section 2: Executive Organ	Section 2: Organe Exécutif
Ingingo ya 21: Abagize Urwego Nshingwabikorwa	Article 21: Composition of the Executive Organ	Article 21: Composition de l'Organe Exécutif
Urwego Nshingwabikorwa rwa RFA rugizwe n'Umuyobozi Mukuru n'Umuyobozi Mukuru Wungirije.	The Executive Organ of RFA is composed of the Director General and the Deputy Director General.	L'Organe Exécutif de RFA est composé du Directeur Général et du Directeur Général Adjoint.
Ingingo ya 22: Inshingano z'inyongera z'Urwego Nshingwabikorwa	Article 22: Additional responsibilities of the Executive Organ	Article 22: Attributions additionnelles de l'Organe Exécutif
Haseguriwe ibiteganywa n'Itegeko Ngenga rishyiraho amategeko rusange agenga ibigo bya Leta, Urwego Nshingwabikorwa rwa RFA rufite inshingano z'inyongera zikurikira:	Subject to the provisions of the Organic Law establishing general provisions governing public institutions, the Executive Organ of RFA has the following additional responsibilities:	Sous réserve des dispositions de la Loi Organique portant dispositions générales régissant les établissements publics, l'Organe Exécutif de RFA a les attributions additionnelles suivantes:
1° gukurikirana no guhuza ibikorwa bya buri muni bya RFA; 2° gukora indi nshingano yose ijyanye n'inshingano za RFA rwahabwa n'Inama y'Ubuyobozi.	1° to monitor and coordinate daily activities of RFA; 2° to perform any other duty falling within the responsibilities of RFA as may be assigned by the Board of Directors.	1° assurer le suivi et coordonner des activités quotidiennes de RFA; 2° effectuer toute autre tâche relevant des attributions de RFA que le Conseil d'Administration peut lui confier.
Ingingo ya 23: Ububasha n'inshingano by'Umuyobozi Mukuru	Article 23: Powers and duties of the Director General	Article 23: Pouvoirs et attributions du Directeur Général
Umuyobozi Mukuru wa RFA afite ububasha bwo gufata ibyemezo mu micungire y'abakozi n'umutungo bya RFA	The Director General of RFA has the power of decision-making in the administrative and financial management	Le Directeur Général de RFA dispose du pouvoir de la prise des décisions dans la gestion administrative et financière de

akurikije amategeko abigenga. Ahuza kandi akayobora ibikorwa bya RFA.	of RFA in accordance with relevant laws. He or she coordinates and directs the activities of RFA.	RFA conformément à la législation en la matière. Il coordonne et dirige les activités de RFA.
By'umwihariko, Umuyobozi Mukuru ashinzwe ibi bikurikira:	Specifically, the Director General has the following duties:	En particulier, le Directeur Général a les attributions suivantes:
1° guhagararira RFA imbere y'amategeko no kumenyekanisha ibikorwa byayo;	1° to serve as the legal representative of RFA and publicise its activities;	1° être le représentant légal de RFA et faire connaître ses activités;
2° kuba umuvugizi wa RFA;	2° to serve as the spokesperson of RFA;	2° servir de porte-parole de RFA;
3° kugeza raporo y'ibikorwa bya RFA ku Nama y'Ubuyobozi rimwe mu gihembwe n'igihe cyose bibaye ngombwa;	3° to submit to the Board of Directors the activity report of RFA once a quarter and whenever necessary;	3° transmettre au Conseil d'Administration le rapport d'activités de RFA une fois par trimestre et chaque fois que de besoin;
4° gutegura no gushyikiriza Inama y'Ubuyobozi umushinga wa gahunda y'ibikorwa n'imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari izakoreshwa mu mwaka ukurikira na raporo y'imikoreshereze y'ingengo y'imari y'umwaka ushize;	4° to prepare and submit to the Board of Directors a draft action plan and a budget proposal for the following fiscal year as well as the report on the execution of the budget of the previous fiscal year;	4° élaborer et transmettre au Conseil d'Administration le projet du plan d'action et l'avant-projet de budget pour l'exercice suivant, ainsi que le rapport d'exécution du budget de l'exercice précédent;
5° gutegura umushinga w'amategeko ngengamikorere ya RFA;	5° to prepare the draft internal rules and regulations of RFA;	5° préparer le projet de règlement d'ordre intérieur de RFA;

6° kwemeza gahunda y'umwaka y'itangwa ry'amasoko; 7° gushyira mu bikorwa ingengo y'imari no gucunga umutungo wa RFA no gutanga raporo yabyo ku Nama y'Ubuyobozi; 8° gukora undi murimo yahabwa n'Inama y'Ubuyobozi ujyanye n'inshingano za RFA. <u>Ingingo ya 24: Inshingano z'Umuyobozi Mukuru Wungirije</u> Umuyobozi Mukuru Wungirije afite inshingano zikurikira: 1° kunganira Umuyobozi Mukuru no kumusimbura igihe adahari; 2° gukora indi mirimo yose yahabwa n'Inama y'Ubuyobozi ijyanye n'inshingano za RFA.	6° to approve the annual procurement plan; 7° to ensure the execution of the budget and management of the property of RFA and submit related report to the Board of Directors; 8° to perform any other duty falling within the responsibilities of RFA as may be assigned by the Board of Directors. <u>Article 24: Duties of the Deputy Director General</u> The Deputy Director General of RFA has the following duties: 1° to assist the Director General and replace him or her in case of absence; 2° to perform any other duties falling within the responsibilities of RFA as may be assigned to him or her by the Board of Directors.	6° approuver le plan annuel de passation des marchés; 7° assurer l'exécution du budget et la gestion du patrimoine de RFA et soumettre un rapport y relatif au Conseil d'Administration; 8° effectuer toute autre tâche relevant des attributions de RFA que le Conseil d'Administration peut lui confier. <u>Article 24: Attributions du Directeur Général Adjoint</u> Le Directeur Général Adjoint a les attributions suivantes: 1° assister le Directeur Général et le remplacer en cas d'absence; 2° effectuer toutes autres tâches relevant des attributions de RFA que le Conseil d'Administration peut lui confier.
---	---	--

<u>UMUTWE WA IV: UMUTUNGO N'IMARI</u>	<u>CHAPTER IV: PROPERTY AND FINANCE</u>	<u>CHAPITRE IV: PATRIMOINE ET FINANCES</u>
<u>Ingingo ya 25: Umutungo n'inkomoko yawo</u>	<u>Article 25: Property and its sources</u>	<u>Article 25: Patrimoine et ses sources</u>
Umutungo wa RFA ugizwe n'ibintu byimukanwa n'ibitimukanwa.	The property of RFA is composed of movable and immovable assets.	Le patrimoine de RFA est composé de biens meubles et immeubles.
Umutungo wa RFA ukomoka kuri ibi bikurikira:	The property of RFA derives from the following sources:	Le patrimoine de RFA provient des sources suivantes:
1° ingengo y'imari igenerwa na Leta;	1° State budget allocations;	1° les allocations budgétaires de l'État;
2° inkunga z'abafatanyabikorwa;	2° partners' subsidies;	2° les subventions des partenaires;
3° ibituruka ku mirimo ikora;	3° income from services rendered;	3° les revenus provenant des services fournis;
4° inyungu zikomoka ku mutungo wayo;	4° interests from its property;	4° les intérêts de son patrimoine;
5° inguzanyo zihabwa RFA zemewe na Minisitiri ufite imari mu nshingano;	5° loans granted to RFA as approved by the Minister in charge of finance;	5° les prêts accordés à RFA approuvés par le Ministre ayant les finances dans ses attributions;
6° impano n'indangano.	6° donations and bequests.	6° les dons et legs.

<u>Ingingo ya 26: Ingingo y'imari</u> RFA itegura ingengo y'imari yayo ya buri mwaka, ikemezwa n'urwego rubifitiye ububasha. <u>Ingingo ya 27: Raporo y'umwaka w'ibaruramari</u> Mu gihe kitarenze amezi atatu (3) akurikira impera z'umwaka w'ibaruramari, RFA ishyikiriza Minisitiri ifite amashyamba mu nshingano raporo y'umwaka w'ibaruramari, imaze kwemezwa n'Inama y'Ubuyobozi hakurikijwe amategeko agenga imicungire y'imari n'umutungo bya Leta. <u>UMUTWE WA V: INGINGO ZISOZA</u> <u>Ingingo ya 28: Abashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka</u> Minisitiri w'Intebe, Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo, Minisitiri w'Ibidukikije na Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi bashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka.	<u>Article 26: Budget</u> RFA prepares its annual budget to be adopted by the relevant authority. <u>Article 27: Annual financial report</u> Within three (3) months following the closure of the financial year, RFA submits the annual financial report to the Ministry in charge of forests after its approval by the Board of Directors in accordance with laws governing management of State finance and property. <u>CHAPTER V: FINAL PROVISIONS</u> <u>Article 28: Authorities responsible for the implementation of this Order</u> The Prime Minister, the Minister of Public Service and Labour, the Minister of Environment and the Minister of Finance and Economic Planning are entrusted with the implementation of this Order.	<u>Article 26: Budget</u> RFA prépare son budget annuel qui est approuvé par l'autorité compétente. <u>Article 27: Rapport annuel des états financiers</u> Endéans trois (3) mois qui suivent la fin de l'exercice financier, RFA soumet au Ministère ayant les forêts dans ses attributions le rapport annuel des états financiers après son approbation par le Conseil d'Administration conformément aux lois régissant les finances et le patrimoine de l'État. <u>CHAPITRE V: DISPOSITIONS FINALES</u> <u>Article 28: Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté</u> Le Premier Ministre, le Ministre de la Fonction Publique et du Travail, le Ministre de l'Environnement et le Ministre des Finances et de la Planification Économique sont chargés de l'exécution du présent arrêté.
--	---	--

<u>Ingingo ya 29: Igihe iri iteka ritangirira gukurikizwa</u>	<u>Article 29: Commencement</u>	<u>Article 29: Entrée en vigueur</u>
Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.	This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.	Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, 06/05/2022

(sé)

KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika
President of the Republic
Président de la République

(sé)

Dr NGIRENTE Edouard
Minisitiri w'Intebe
Prime Minister
Premier Ministre

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:
Seen and sealed with the Seal of the Republic:
Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)

Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel
Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta
Minister of Justice and Attorney General
Ministre de la Justice et Garde des Sceaux